

12/9/2018



### **Ubutumwa bwa Padiri Jim.**

Inkunga yo muzabukuru y'abavugabutumwa b'Imana.

Uy'umunsi rero nibwo dufata inkunga yo gufasha abobihaye Imana  
badufasha kandi badutera inkunga .

Uy'umunsi rero iyo abo bihaye Imana batahaba cyangwa ngo babe aribo  
badufashije ntabwo tuba turihano uy'umunsi .

Ari ababyeyi bacu baradufashije nabo kandi bafashijwe n'abandi benshi ntarondoye nguko rero  
gufashanya umukiza wacu yashize imbere .

Gufashanya ntako bisa iyo urebye amateka ya Kilizya Gatulika gufashanya byahereye kera  
cyane . Yezu yaje hano ku isi kudukiza nubwo umwana w'umuntu

atigeze amworohera muri make rero Yezu Kristu niwe wadukijije byose adushikiriza ise ariwe  
mugenga wa byose . Data watwese uzagaruka gukiza abazima n'abapfuye. ni umunsi abazaba  
bakiraho n'abapfuye bazacirirwa imanza zibyo bakoze maze bagahanirwa ibibi bakoze .

Isengesho ry'umunsi mukuru w'Adventi ,uko iminsi mikuru ya Noheri igenda yegera niko  
turushaho dusanga umunsi mukuru umukiza wacu yavukiyeho

Yezu Kristu umukiza wacu ,yezu niwe mucunguzi muzima wacu niwe mucunguzi waducunguye  
niwe mukiza wacu .Niwe mucunguzi wacu muzima muri byose .

Yezu Kristu ni umuntu w'umucunguzi wagize ati,mukunde icyiza mwange ikibi . Kuri uy'umunsi  
w'Adventi tugomba gusengera abantu bose bari mungorane

hamwe n'abarwayi icyarimwe nibyo tugomba gukora muri ikigihe cy'Adventi mugihe  
dutegereje umucunguzi wacu Yezu Kristu nimuzima .

Adventi igomba gukora imitima yacu maze umukiza agazasanga tumeze neza niwe mukiza  
muzima niwe gakiza kacu niwe nyagasani muzima .

Amasomo yo Gukomezwa ni mukwambere italiki ya 6 ikaza kurikirwa na misa .

Porogaramu y'abana ni abanyeshuri bafite imyaka 10 kugeza kumyaka 12 na 13 kugeza kuri 18  
.Naho mukwezi kwa 12 italiki ya 9 ni service y'abana mugihe cy'Adventi .Naho mukwezi kwa 12  
italiki ya 16 abana bose bifuriza Yezu Kristu isabukuru y'amavuko .

Niba ushaka gufasha kandi ukorera ubushake dore nimo wahamagara ni ( 513) 921-1044 ext  
20

Kandi niba ushaka ubufasha k'umuntu wawe ugeze muzabukuru dore numero wahamagara ni  
(513) 347-5458 [www.bayleylife.org](http://www.bayleylife.org).

Niba mufitanye ibibazo nuwo mwashakanye dore inimero wahamagara bakagufasha ni (513)  
456-5413. [www.cincyretrouville.org](http://www.cincyretrouville.org),[www.retrouville.org](http://www.retrouville.org)  
cyangwa ugahamagara (513) 456-5413. Aho bashira abana bato bakiga hano kuri Kilizya ya  
mutagatifu Lewo ni ukuvugana na Ms.Mabel cg ugahamagara  
(513) 518-1001.